

Kigali, kuwa 2 Gashyantare 2022

Amabwiriza yo kwirinda COVID-19 mu rwego rw'ubukerarugendo, amahoteli, inama, amakoraniro n'amamurikabikorwa

Hashingiwe ku byemezo by'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 26 Mutarama 2022 ku birebana n'amabwiriza yo kwirinda ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID-19, Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) ruramenyesha abantu bose ibi bikurikira, bizubahirizwa mu bigo by'ubukerarugendo n'amahoteli, iby'imikino n'imyidagaduro ndetse n'iby'amakoraniro (Inama, amateraniro n'amamurikabikorwa):

1. Abashyitsi baturuka hanze y'Igihugu bagomba kwipimisha COVID-19 bakigera mu Gihugu hifashishijwe uburyo bwa PCR n'uburyo bwihuse. Abashyitsi ntibasabwa kuguma mu kato muri hoteli zagenwe. Umushyitsi asabwa kongera kwipimisha ku munsu wa 3 kuri site yabugenewe (Camp Kigali cyangwa ku Bitaro Bikuru cyangwa iby'Akarere bimwegereye niba ari hanze ya Kigali) hifashishijwe uburyo bwihuse. Ibizamini bitegetswe bifatwa ku munsu wa mbere n'uwa 3 byishyurwa umushyitsi akigera ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali;
2. Abakerarugendo basura pariki z'Igihugu, ubariyemo n'abana barengeje imyaka 5, bagomba kugaragaza icyemezo cy'uko bipimishije COVID-19 mu gihe kitarenze amasaha 72 kandi bagasanga batayirwaye. Ibipimo bifashwe hifashishijwe uburyo bwa PCR ni byo byemewe ku basura inguge muri Pariki za Nyungwe, Gishwati-Mukura n'Ibirunga;
3. Abaririmba cyangwa abacuranga, harimo live bands na karaoke mu mahoteli, restora n'utubari biremewe. Ababyitabiriye bagomba kubahiriza amabwiriza ajyanye no kwirinda icyorezo cya COVID-19 kandi barahawe inkingo zose za COVID-19;
4. Ibitaramo bitegurwa bibera ahantu habugenewe bizasubukurwa mu byiciro. Ababitegura bagomba kubisabira uburenganzira mu Kigo Gishinzwe Gutunganya Inama n'Amakoraniro (RCB) bifashishije Email kuri info@rcb.rw hasigaye nibura iminsi 10 ngo bibe. Abategura ibitaramo bagomba kubahiriza ibi bikurikira:

- i. Kugurisha amatike bigomba gukorwa hifashishijwe ikoranabuhanga;
 - ii. Abitabira igitaramo, harimo n'abagiteguye n'abatangamo serivise, bagomba kuba barahawe inkingo zose za COVID-19 kandi barayipimishije mu gihe kitarenze amasaha 72 bagasanga batayirwaye;
 - iii. Ibitaramo bigomba kwitabirwa n'abatarenze 75% by'ubushobozi bw'aho bibera bwo kwakira abantu.
5. Abashaka kongera gufungura utubyiniro babisaba RDB mu nyandiko kuri email tourism.regulations@rdb.rw:
 - a) RDB itanga umwanzuro ku busabe bwo kongera gufungura mu gihe kitarenze iminsi irindiwi (7) y'akazi;
 - b) Utubyiniro twemerewe gufungura tuzajya twakira abatarenze 50% by'umushobozi bwatwo bwo kwakira abantu kandi dufungure gusa mbere y'amasaha yagenwe yo guhagarika imirimo;
 - c) Abakiliya b'utubyiniro bagomba kuba barahawe inkingo zose za COVID-19 kandi barayipimishije mu gihe kitarenze amasaha 72 bagasanga batayirwaye;
 - d) Utubyiniro twemerewe gufungura tuzajya dukoresha gusa abakozi bahawe inkingo zose za COVID-19 kandi bayipimishije buri minsi 14. Abakozi bagejeje igihe barashishikarizwa no gufata urukingo rwo gushimangira.
 6. Inzu zerekanirwamo sinema zemerewe kwakira abatarenze 75% by'ubushobozi bwazo bwo kwakira abantu. Abakiliya bagomba kuba barahawe inkingo zose za COVID-19 kandi barayipimishije mu gihe kitarenze amasaha 72 bagasanga batayirwaye;
 7. Inama ziba imbonankubone, zitabirwa n'abatarenze 75% by'ubushobozi bw'aho zibera bwo kwakira abantu. Abitabira inama bagomba kugaragaza icyemezo cy'uko bahawe inkingo zose za COVID-19 kandi bayipimishije mu gihe kitarenze amasaha 72 hifashishijwe uburyo bwa PCR cyangwa ubwihuse kandi bagasanga batayirwaye;
 8. Hoteli, resitora, cafés n'ahagenewe imyidagaduro (recreational centers) bashobora guha serivise abakiriya batarenze 75% by'ubushobozi bwo kwakira abantu. Abakiriya bagomba kuba barahawe inkingo zose za COVID-19. Barashishikarizwa kandi kuyipimisha kenshi;
 9. Hoteli, resitora, cafés, utubari n'ahandi hagenewe kwakira abantu cyangwa kubera ibitaramo barasabwa kwitwararika gukoresha abakozi bahawe inkingo zose za COVID-19 no kuyibapimisha buri minsi 14. Hoteli ziri mu nkengero za

Pariki z'Igihugu zirasabwa gupimisha abakozi kenshi kurushaho. Abakozi bagejeje igihe barashishikarizwa no gufata urukingo rwo gushimangira;

10. Hoteli na Resitora zirashishikarizwa gukomeza gutanga icyumba cyakwifashishwa mu gupima COVID-19 abakiriya bazigana baba babikeneye. Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuzima (RBC) kizakomeza gutanga amahugurwa akenewe;
11. Abakiriya bateganya gucumbika muri hoteli cyangwa ahandi habugenewe bagomba kwerekana icyemezo cy'uko bipimishije COVID-19 mu gihe kitarenze amasaha 72 hifashishijwe uburyo bwa PCR cyangwa ubwihuse kandi bagasanga batayirwaye;
12. Gukoresha sauna, serivise za massage, pisine n'aho kwidagarurira ku musenyi hacunzwe n'abantu ku giti cyabo biremewe ku bakiliya bipimishije COVID-19 mu gihe kitarenze amasaha 72 hifashishijwe uburyo bwa PCR cyangwa ubwihuse kandi bagasanga batayirwaye. Abakiliya bose (uretse abatagejeje ku myaka 12) bagomba kuba barahawe inkingo zose za COVID-19. Abakozi bo muri izi serivise bagomba kuba barahawe inkingo zose za COVID-19 kandi bayipimisha buri minsi 14. Abakozi bagejeje igihe barashishikarizwa no gufata urukingo rwo gushimangira;
13. Ibigo byakira abantu bigomba kugenzura niba ababigana barakingiwe cyangwa baripimishije COVID-19 bifashishije imbuga za RBC [Covid-19 Results](#) na [Covid-19 Vaccination](#) cyangwa bahamagara *114#. Ibigo bitubahiriza aya mabwiriza bizahabwa ibihano biteganywa n'inzego z'Ubuyobozi bw'ibanze kandi byemejwe na Njyanama z'Uturere cyangwa Umujiyi wa Kigali;

RDB iributsa abantu bose ko bagomba kubahiriza amabwiriza y'isuku no kwirinda yatanzwe na Minisiteri y'Ubuzima hagamijwe kurwanya ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID-19. Abazafatwa bayarenzeho bazabihanirwa.

Mu izina ry'Umuyobozi Mukuru Clare AKAMANZI, RDB

Zephanie NIYONKURU